# Gufasha imiryango kwiyandikisha

## Amakuru rusange

- Backpack League irafunguye ku banyeshuri bose ba JCPS **bazimukira mu mwaka wa 1 kugeza muwa 8**
- Backpack League izaba kuwa **20 Kamena- 12 Nyakanga** (Nta Backpack League izaba ku itariki ya 4 n'iya 5 Nyakanga)
    - Aho izabera ku mashuri abanza abanyeshuri bazakirwa saa 9h30-14h30.
    - Aho izabera ku mashuri yisumbuye y'icyiciro cya mbere ababanyeshuri bazakirwa saa 8h00-13h00.
- Ifunguro rya mu gitondo, irya saa sita n'uburyo bw'ingendo (mu mbibi za mbere z'ishuri) bizatangwa

## Amakuru yerekeye kwiyandikisha

- Ku rwego rw'akarere abanyeshuri bose bazatangira kwiyandikisha kuwa 8 Mata.
- Kwiyandikisha bizarangira kuwa 12 Mata saa 16h30 (cyangwa igihe imyanya y'aho izabera izaba irangiye).

## Uburyo bwo kwiyandikisha

- Imiryango ishobora kwiyandikisha kuri https://jcps.me/summerlearning.





Nyuma yo kwinjira ku rubuga, imiryango n'abanyeshuri bashobora gukomeza bahitamo bumwe mu buryo bwo kugenzura bukurikira.


- Kugenzura nomero ya telefoni
- imeyili
- hakoreshejwe kwinjira k'umubyeyi wa JCPS

Niba utabashije kugera kuri bumwe muri ubu buryo bwo kugenzura, sura jcps.me/help ubone ubufasha.

Igikurikiyeho ni ukwandika imeyili yawe y'ubu kandi ikora. Uzohererezwa imeyili yemeza igikorwa cyo kwiyandikisha kuri iyi imeyili. Iyi imeyili kandi izakoreshwa mu itumanaho ry'ingenzi mu gihe cyose cya porogaramu Backpack League.




Nyuma yo kwandika imeyili y'ubu, uzoherezwa kuri mugaragaza ikurikira:




Utuzu twose twagaragajwe tugomba kuzuzwa mbere y'uko kwiyandikisha birangira. Niba akazu kari mu rindi bara- biragusaba kukitaho.

1. Hitamo niba ukeneye ko JCPS izaguha uburyo bw'ingendo.
2. Genzura aderesi yawe. Ushobora guhindura aderesi niba ari ngombwa. Niba uhisemo "requires transportation (uburyo bw'ingendo burakenewe)", menya ko utemerewe guhitamo ahandi hantu bisi igutora/igusiga.
3. Hitamo uburyo bwo kwiga ku banyeshuri bose bari mu muryango. Kwiyandikisha byihutirwa bizatangira kuwa 18 Werurwe ku banyeshuri bemerewe (ntibivuga ko umwana wese uri mu rugo yemerewe kwiyandikisha mu bihutirwa). Kwiyandikisha ku banyeshuri bose bizatangira kuwa 8 Mata.
4. Hitamo ahantu Backpack League izabera.




Niba urangije gusubiza ibibazo byose, kanda "Complete Registration (Kurangiza kwiyandikisha)."

